REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURENGERAZUBA
AKARERE KA NYAMASHEKE

Ref N° 9719/03.07/2020 Nyamasheke ku wa 08/07/2020

ITANGAZO RIMENYESHA

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamasheke bushingiye ku iteka rya Minisitiri n° 02/cab.m/019 ryo ku wa 15/04/2019 rigena ibyiciro by'inyubako n'uburyo bukurikizwa mu gusaba no gutanga impushya zo kubaka,

Bushingiye nanone ku mabwiriza No 001 yo kuwa 01/08/2019 y'Umuyobozi Mukuru w'Icyigo cy'Urwanda gishinzwe guteza imbere Imiturire (RHA) ajyanye n'iyubakishwa ry'amatafari ya RUKARAKARA,

Bushingiye ku myanzuro yafatiwe mu mwiherero w'abayobozi bakuru b'Igihugu wo mu mwaka wa 2016 aho hemejwe gukoreshwa ibikoresho by'ubwubatsi bikorewe mu gihugu hagamijwe kugabanya amafaranga akoreshwa mu gutumiza hanze ibikoresho by'ubwubatsi,

Bushingiye kandi ku myanzuro y'Umwiherero wahuje Minisiteri y'Ibikorwa remezo n'Ikigo cy'Urwanda gishinzwe guteza Imbere Imiturire wo kuwa 26-27 Ukwakira 2017 isaba ko hagomba gushakwa ingamba zose zituma hakoreshwa amatafari akoze mu gitaka "RUKARAKARA" yujuje ubuziranenge mu rwego rwo kongera inzu zo guturamo zicirirtse,

Buramenyesha abaturage bose bafite ibibanza byo guturamo biri mu gice cy'umujyi w'Akarere (nukuvuga imirenge ya KAGANO,KANJONGO n'igice gito cya BUSHEKERI) ko hashingiwe ku itegeko, amabwiriza n' imyanzuro byavuzwe haruguru bukangurira abo baturage gukoresha aya matafari mu rwego rwo kongera inzu zo guturamo zicirirtse izi nzu zikajya zubakwa habanje gusaba uruhushya rwo kubaka ku Karere. Kubindi bisobanura mwagana ibiro bishinzwe ubutaka Imiturire n'ibikorwaremezo.

Mugire Amahoro

MUKAMASABO Appolonie
Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke

Bimenyeshejwe:
- Madamu/Bwana Umuyobozi w'Akarere wungirije(Bose)
- Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere
- Madamu Umuyobozi w'Agateganyo wa OSC
- Umuyobozi w'Umurenge wa KAGANO,KANJONGO na BUSHEKERI

AKARERE KA NYAMASHEKE

REPUBLIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURENGERAZUBA
AKARERE KA NYAMASHEKE

Ref N^{0} ...../03.07/2020 **Nyamasheke ku wa ...../...../.....**

IBISABWA KUGIRANGO UHABWE URUHUSHYA RWO KUBAKISHA RUKARAKARA

1. Kuba aho hantu haragenewe gutura n' inzu ushaka kubaka akaba ari iyo guturamo
2. Fotokopi y'icyangombwa cy'ubutaka n'irangamuntu bigaragazako ubwo butaka ari ubwawe
3. Kuba iyo nzu itarengeje metero kare 200
4. Kuba iyo nzu itageretse kandi nta n'igice cyayo kiri munsi y'ubutaka
5. Imbata y'inyubako n'uko iteye mu kibanza
6. Kwishyura amafranga y'uruhushya bitewe n'ingano y'inyubako ugiye kubaka(20000Frw ku nyubako iri munsi ya metero kare 100 n'ibihumbi mirongo ine (40000frw) ku nyubako ifite ubuso bwubatse buri hagati ya metero kare 100 na 200

N.B : Mu gihe uzanye izi dosiye zuzuye uruhushya urarutahana.